Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
**Akarere ka Gicumbi**

---

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya icumi (10) mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO);

**Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

(a) Ari Umunyarwanda;
(b) Yabisabye ku bushake;
(c) Agejeje nibura imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) Ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) Atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) Afite impamyabumenyi y'amashuri nibura atandatu (6) yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) Afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga wemewe na Leta;
(h) Atarigeze yirukanwa burundu mu kazi ka Leta cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta;
(i) Yatsinze ibizamini byo kwinjira muri DASSO.

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

(a) Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gicumbi;
(b) Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa noteri;
(c) Icyemezo cyo kuba ari indacyemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Ubuyobozi bw'Akagari atuyemo
(d) Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta kigaragaza ko afite ubuzima bwiza;
(e) Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano ku bigeze kuzikoramo;
(f) Fotokopi y'irangamuntu.

Inyandiko zisaba akazi zizagezwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Gicumbi kuva tariki ya 13/03/2024 kugeza tariki ya 20/03/2024 saa kumi n'imwe z'umugoroba

Bikorewe i Gicumbi, ku wa 11/03/2024

AKARERE KA GICUMBI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**UWERA Parfaite**
Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gicumbi

---